

A purple-tinted photograph of a tree trunk in a field of pink and purple flowers. The text is overlaid on the image.

JOYCE
MEYER

IKAMBA MU
CYIMBO
CY'IVU

KWAKIRA GUKIRA IMVUNE ZO MU MUTIMA

IKAMBA
MU CYIMBO
CY'IVU

IKAMBA MU CYIMBO CY'IVU



Kwakira gukira invune zo mu mutima

JOYCE MEYER



JOYCE MEYER
MINISTRIES

PO Box 5 Cape Town 8000

Nta gice na kimwe cy'iki gitabo cyemerewe gusohorwa mu buryo ubwo ari bwo bwose. Haba ku mashini cyangwa byanditswe n'intoki nta burenganzira abihereye ku buryo bwanditse bwa nyiracyo.

Usibye aho byasobanuwe, ibyanditswe byose byakuwe muri
Bibiliya Yera Kinyarwanda Révisée
Yitwa BIBILIYA YERA
La Sainte Bible en Kinyarwanda

Par
La Société Biblique au Rwanda
B.P 788
KIGALI, Rwanda
© Société Biblique au Rwanda 2001

Warner Books Edition

Copyright © 1994, 2003 by Joyce Meyer
JOYCE MEYER MINISTRIES
Fenton, Missouri 63026
All rights reserved.

Warner Faith

Time Warner Book Group
1271 Avenue of the Americas, New York, NY 10020
Visit our Web site at www.twbookmark.com.

Warner Faith® and the Warner Faith logo are trademarks of
Time Warner Book Group Inc.

Printed in the United States of America

First Warner Books Edition : November 2003

Ndifuzza gutura iki gitabo umugabo wanjye, Dave, wanyeretse urukundo rwa Yesu igihe nari nkiri mu nzira yo gukira.

Warakoze, Dave, kuba waratumye mba uwo ndi we n'igihe ntari mfite imico myiza; kuba warakomeje kwihangana no kugaragaza icyizere no kuba warizeye ko Imana izampindura mu igihe byasaga nk'ibidashoboka.

Ndizera ko uyu murimo ari uwawe nanjye kandi ndashima Imana ko yahisemo kukunzanira mu buzima bwanjye, mu by'ukuri umbera intwari ku rugamba.

AMASHAKIRO

INTANGIRIRO

IGICE CYA MBERE: *Nigeze Kuba Imbohe*

1. Ivu ryo guhohoterwa. 13
2. Kubinyuramo ni yo nzira yonyine. 21
3. Kwigirira icyizere. 31

IGICE CYA KABIRI: *Ariko Ubu Narabohowe*

4. Kubabarira uwaguhohoteye. 49

INTANGIRIRO

Niba umunezero wawe warahagaritswe n'agahinda, niba warahohotewe cyangwa se warababajwe n'uko wanzwe, ndagushishikariza gusoma iki gitabo. Niba warigeze kumva ibiganiro byanjye nshisha kuri radiyo cyangwa kuri televiziyo, ubwo wumvise mvuga ko nahohotewe nkiri umwana. Mu by'ukuri, ubuzima bwanjye bwari bumeze nk'ikirundo cy'ivu mbere y'uko mpura n'Imana kandi nabohowe n'ukuri kw'ijambo ryayo.

Iyi si inkuru ivuga ibintu bitanejeje byose nanyuzemo, ariko ndababwira ibyambayeho kugira ngo mumenye icyo kubura ibyiringiro no kudakundwa icyo bivuze. Imyaka yashize, Imana yambwiye kubabwira uku kuri kugira ngo gufashe abandi bantu banyura mu mibereho nk'iyi nanyuzemo. Kuva nkimara gusohora iki gitabo, nakomeje kubona ibihumbi by'abantu bambwira ko bakeneye amasengesho n'inyigisho kugira ngo bagendere mu kunesha Imana yabahaye. Batangaga ubuhamya ko iki gitabo cyabafashije cyane.

Mu minsi ishize, Imana yanshishikarije kwagura inyigisho z'iki gitabo kugira ngo nkomeze urufatiro rw'abantu biteguye kureka ibya kera bagakomeza bajya mu buzima bwiza Imana ishaka ko bishimira. Nshingiye ku nararibonye mfite, n'amasomo nize mu bijyanye no kuba imbata yo guhohoterwa, mvuga uko urukundo

rw'Imana rwirukana ingaruka mbi ziterwa no guhohoterwa umuntu yanyuzemo. Mvuga kandi n'ubundi bwoko bubiri bw'umubabaro umuntu wahohotewe ahura na wo, umubabaro wo guhinduka cyangwa umubabaro wo kuguma nk'uko wari umeze, n'intambwe esheshatu unyuramo kugira ngo ubone gukira ko mu mutima.

Guhunga ibya kera ntibiganisha ku gukira mu bitekerezo, nuko rero, mvuga uburyo bwinshi abantu bahunga ibya kera kugira ngo nawe wirinde gucyererwa kugera ku kuneshya kwawe. Nzasobanura uburyo umuntu atera imbere anyuze mu nzira zikomeye (akababaro) zahindutse inzitizi y'ejo hazaza.

Niba ushaka kurekura ibya kera, ukabona imbaraga nshya ziva ku Mana zizagufasha kwiringiza abandi, gira umutima wo gushaka ubushuti n'ubusabane n'Imana, kandi wongere wishimire ubuzima bwawe, ni bwo iki gitabo kizaba icyawe. Nutangira, ukomeze ugisome kugera aho kirangirira kugira ngo ugere ku nkuru nziza y'igihembo Imana yaguteguriye.

Nzi neza ko Imana igororera abayishakana umwete. Ushobora kwiga uburyo wa kwihunguraho akaga ukabona ingororano ikubye kabiri ku byo wanyuzemo byose.

IGICE CYA MBERE



Nigeze kuba imbohe

*Abandi bicaraga mu mwijima no mu gicucu
cy'urupfu, baboheshejwe umubabaro n'ibyuma,
kuko bagomeye amagambo y'Imana bagasuzugura
imigambi y'Isumbabyose.*

ZABURI 107:10-11

1

IVU RYO GUHOHOTERWA



Nizera ko abantu benshi bahohoterwa mu buryo bumwe cyangwa ubundi mu buzima bwabo. Hari igihe buri muntu ageramo akibuka igihe yahohotewe. Kandi nizera ko hari abantu benshi bahungabanywa n'ibyababayeho. Bumwe mu busobanuro bw'inshinga guhohotera ni: “Gukorerwa ikintu nabi cyangwa uko bidakwiye”; “GUSHUKWA”; “Gukomeretswa cyangwa kwangizwa”; “GUFATWA NABI”; “Ibitero by'amagambo”; “KURENGANYWA.” Guhohoterwa kandi bishobora gusobanurwa nk “Ibikorwa by'urugomo cyangwa ibikorwa bibi”; “Gusayisha kugira nabi”; “GUKORESHA NABI”; ibikorwa by'urugomo: KUBESHYWA”, “ururimi ruciraho iteka ... ibidakwiye, ibidahwitse, n'ibikorwa by'uburakari,” “Gutoteza umuntu ku buryo bufatika.”

Uburyo bwo guhohoterwa bukunda kugaragara ni ubu: Guhohoterwa k'umubiri, mu magambo, mu bitekerezo, kw'amarangamutima, n'ugushingiye ku mibonano mpuza bitsina. Buri bwoko bwo guhohoterwa

bushobora kuvamo umuzi wo kwangwa mu buzima bw'umuntu wafashwe nabi kandi uku kwihagararaho gushingiye ku kumva ko umuntu adakwiriye gushobora guteza ibibazo mu mibanire y'umuntu. Uyu muni tubana n'abantu batazi kubana na bagenzi babo, kabone n'aho guhohoterwa kwaba kwarahagaze mu buzima bwabo, ibisigisigi byo guhahamuka bikomeza kubabuza kubana neza n'abandi.

Imana yaturemeye gukundwa no kwemerwa, ariko Satani akora ibishoboka byose kugira ngo atume twumva ko twanzwe kandi tudakwiye. Azi ko kumva umuntu adakwiye no kumva yanzwe bimukomeretsa ku giti cye bikanakomeretsa imiryango n'inshuti.

Ubwo buryo bwo guhohoterwa bwavuzwe haruguru - bushobora gutera gutandukana kw'inshuti, kwahukana, kubeshyerana, ibinyoma, guhabwa akato, kwangwa n'abarimu n'abandi bantu bo mu nzego zo hejuru, kunegurwa cyangwa se ibindi bikorwa byinshi cyane byakomeretsa umuntu - uku guhohoterwa kose gushobora kandi gutera ibikomere byo mu bitekerezo na byo bishobora kubuza abantu kugumana ubuzima buzira umuze, n'imibanire irambye.

WARI WAHOHOTERWA?

Niba warigeze gufatwa nabi cyangwa mu buryo budakwiriye, bishobora guhungabanya imitekerereze

yawe. Ariko kugira ngo ukire akababaro n'ibikomere biterwa no guhohoterwa, ugomba kuba ushaka gukira.

Kimwe mu byanditswe nkunda kiri muri Yohana igice cya 5 ku murongo wa 5, havuga ko Yesu yabonye umugabo aryamye iruhande rw'ikidendezi cy'i Betesida afite indwara amaranye imyaka mirongo itatu n'umunani.

Yesu amubonye, amenya yuko amaze igihe kirekire arwaye, aramubaza ati, “Mbese urashaka gukira?” (Umurongo: 6).

Icyo ni ikibazo cyo kubaza umuntu umaze igihe kirekire ababazwa. Ni ikibazo cyiza kuko atari buri muntu wese ushaka gukira akora ibishoboka byose kugira ngo akire. Ibitekerezo bibabaye bishobora kuba gereza, bigafungirana kamere ntisohoke. Ariko Yesu yaje gukingurira imbohe no kuzimenyeshya ko zibohowe (reba Luka 4:18-19).

Uyu mugabo wo ku kidendezi, nk'abandi benshi bariho ubu, yari amaranye indwara (icyago) igihe kinini. Nemera neza ko nyuma y'imyaka mirongo itatu n'umunani yari amaze kumenyera gukorana icyo cyago. Abantu bari muri gereza barakora, ariko ntabwo baba babohotse. Nyamara, rimwe na rimwe imfungwa zaba ari izo mu buryo bw'umubiri cyangwa iz'ibitekerezo, zigera igihe zikamenyera kuba muri ubwo buroko ku buryo zinyurwa muri iyo mibereho zikiga kubana na yo.

Ese “uri imbohe y'ibitekerezo?” Niba ari byo, iyo mibereho uyimazemo igihe kingana gite? Ese ni icyago kimaze igihe? Ese mu by'ukuri urashaka kubohoka? Ese koko urashaka gukira? Yesu arashaka kugukiza. Abifitemo ubushake, nawe ni uko?

URASHAKA KUBOHOKA NO KUGUBWA NEZA?

Kubohoka ukagira umudendezo mu bitekerezo ntabwo byoroshye. Ndatangira mvugisha ukuri kandi neruye ko abantu benshi bitajya biborohera kuva mu kababaro k'ibyashize. Iki kiganiro gishobora gushatora ibitekerezo n'amarangamutima by'abantu bari bamaze igihe bagerageza guhisha aho guhangana na byo. Ushobora kuba uri umwe muri abo bantu.

Ahari wanyuze mu bintu bituma ibitekerezo byawe n'amaranga mutima yawe bibabara ku buryo utashoboraga guhangana na byo, buri uko byazaga mu bitekerezo byawe, wabwiraga Imana uti, “Sinditegura, Mana! Nzaba mpangana n'icyo kibazo ikindi gihe”. Iki gitabo kirahangana n'ibikomere by'ibitekerezo watewe n'ibyo abandi bantu bashobora kuba baragukoreye, kandi kikanavuga ku nshingano yawe ufite ku Mana kugira ngo utsinde uko guhungabana hanyuma ukire.

Abantu bamwe (mu by'ukuri abantu benshi) birabakomerera kwemera inshingano zabo kugira ngo

ubuzima bwabo bumere neza. Mu mirongo ikurikira, turaza kurebera hamwe mu buryo bufatika ibijyanye no kubabarira, umujinya, kwibabarira, kwintangira, imitekerereze yo kumva ko hari umuntu ugufitiye umwenda, n'indi myumvire myinshi cyane mibi ikeneye guhanagurwa kugira ngo ushobore gukira wese kandi neza.

Ushobora gutekereza uti, *Ariko se ni nde wagira icyo akora ku muntu wa nkomerekeje?* Iyo ngingo na yo turi buze kuyigeraho. Ushobora na none kuba wibaza uti, “Ni iki gituma uyu mugore atekereza ko afite ubutware bwo kwigisha inyigisho zivuga ku marangamutima - akibanda ku byanjye?” Ushobora kuba ufite ibibazo waba ushaka kumbaza, urugero, “Ufite impamyabumenyi y'ikirenga mu bijyanye n'imenyamuntu (Psychologie)? Ese wigiye he? Ese wigeze kunyura mu bintu nyuramo? Wabwiwe n'iki icyo kuba imbohe y'ibitekerezo bivuze?”

Mfite ibisubizo by'ibyo bibazo byose, nugira ubwenge buhagije bwo guhangana n'imibereho yawe kandi ukamaramaza ko ugomba gukira, wowe ukomeze usome.

NARAHOHOTEWE

Amashuri yanjye, impamyabumenyi zanjye, uburambe mfite, n'ubumenyi mfite bwo kwigisha iri somo mbikura mu nararibonye mfite. Nkunda kuvuga nti, “Nabonye impamyabumenyi mu ishuri ry'ubuzima.”

Mvuga ko amagambo y'umuhanuzi Yesaya ari impamyabumenyi yanjye.

Umwuka w'Umwami Imana ari kuri jye, kuko Uwiteka yans - ze amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza, yantumye kuvura abafite imvune mu mutima no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari mu nzu y'imbohe.

Kandi yantumye no kumenyesha abantu umwaka w'imbabazi z'Uwiteka, n'umunsi Imana yacu izahoreramo inzigo, no guhoza abarira bose.

Yantumye no gushyiriraho itegeko ab'i Siyoni barira, ryo kubaha ikamba mu kimbo cy'ivu, n'amavuta yo kunezerwa mu cyimbo cy'ubwirabure, n'umwambaro w'ibyishimo mu cyimbo cy'umutima wihebye, kugira ngo bahereko bitwe ibiti byo gukiranuka byatewe n'Uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro. (Yesaya 61:1-3)

Imana yahinduye ivu ryanjye ubwiza (icyubahiro) kandi yampamagariye gufasha abandi kugira ngo bige kuyemerera na bo ibibakorere.

Narahohotewe bishingiye ku gitsina, mu magambo, mu bitekerezo, mu marangamutima. Ndabyibuka, naje kugeza ubwo ntoroka mu rugo mfite imyaka cumi n'umunani. Mu by'ukuri abagabo benshi barampohoteye nkiri umwana. Naranzwe, naratawe, naragambaniwe, kandi narahukanye. Nzi kuba “imbohe y'ibitekerezo” icyo bivuze.

Impamvu yanteye kwandika iki gitabo si ukugira ngo ntange ubuhamya bwanjye bwose mu magambo arambuye, ahubwo ni ukukubwira ibyo nanyuzemo byose kugira ngo wizere ko nzi icyo gukomereka bivuze. Nshobora kukwerekana uko wakira ibikomere n'ihungabana biterwa no guhohoterwa. Ndashaka kugufasha, kandi ibyo nshobora kubikora neza uramutse wizeye ko ibyo unyuramo mbisobanukiwe.

Ariko namaze kumenya ko gukomereka kw'abantu bikomeretsa abandi; abantu benshi bakomeretsa abandi, akenshi na bo baba barakomerekejwe n'abandi bantu. Imana k'ubw'ubuntu bwayo yanshoboje kuvuga ngo, “Mana bababarire kuko batari bazi ibyo bakoraga.

2

KUBINYURAMO NI YO NZIRA YONYINE



Igihe kimwe mu biterane byacu, haje umugore adusaba ko tumusengera kugira ngo ace ingoyi yari amazemo igihe. Nkitangira kumusengera yatangiye kurira. Muri ako kanya mbona iyerekwa asa n'uhagaze aho abasiganwa mu marushanwa yo kwiruka bahagarara.

Ngiye kwitegereza, mbona buri uko amasiganwa yatangiraga, na we yatangiraga kwiruka agana aho basiganirwa, ariko yagera hagati agasubira ku murongo yatangiriyeho. Nabonaga ibyo abisubiramo kenshi. Namubwiye ibyo nabonaga kandi mubwira ko nizera yuko Imana yamubwiraga iti “Iki ni igihe ugomba kwiruka ugasoza.”

Nkimubwira ubwo butumwa, yahise yemera ko Imana ivuganye na we. Ikibazo cyeye cyari kimeze gityo; nubwo yahoraga atera intambwe agana mu gukira kw'ibitekerezo, iyo yashyirwagaho igitutu yabivagamo.

None ubu, yamaramarije kubona urugendo rurangira mu nsinzi.

Buri gihe gusoza birakomera cyane kurusha gutangira. Mu by'ukuri, nta “nzira z'ubusamo” ziba mu gukira kw'ibitekerezo. Mu 2 Abakorinto 3:18 intumwa Pawulo yavuze ku guhinduka kw'abakristo “Bava mu bwiza baja mu bundi.”

Niba urimo kunyura mu nzira zikomeye zo gukira kw'ibitekerezo, ndagushishikariza kwishimira urwego rw'ubwiza uri kunyuramo uyu muni ujya ku rundi rwego.

Abantu benshi gukira kw'ibitekerezo byabo bava mu guhohoterwa babihinduyemo ibintu bikomeye cyane ku buryo bibabuza kunezerwa. Ntuzigere wemera kugeragezwa ku buryo utumbira cyane ibyo ugomba kugeraho bikomeye, bikakubuza kwishimira ibyo wamaze kugeraho.

Wibuke ko hari ubuzima ugomba kubamo umaze gukira! Ibi bifate nk'imitekerereze yawe: nta bwo ndi aho ngomba kuba, ariko kandi Imana ishimwe kuko ntari aho nahoze. Meze neza, kandi ndi mu nzira!

KUBINYURAMO

Mu buryo bumwe, gukura mu mwuka, bishobora kugereranywa no gukura mu mubiri. Hari inzego zimwe tugomba kunyuramo kugira ngo dukure. Ndatekereza

ko ntakibazo umuntu avuze ko abantu benshi batanezewa n'inzego abana babo baba bagezemo mu gihe cyo gukura kwabo, ahubwo bahora bifuza kubona bageze ku nzego zisumbuyeho.

Iyo babonye umwana akambakamba bifuza ko nibura yagenda, yava mu maranje, yajya mw'ishuri, yarangiza kwiga, yakubaka urugo, yababyarira abuzukuru n'ibindi byinshi.

Tugomba kwiga kwishimira buri rwego rw'ubuzima tugezemo kubera ko buri rwego ruzana n'umunezero warwo n'ibigeragezo byarwo. Nk'abakristo, duhora dukura. Ntitujya duhagarara gutera imbere. Fata icyemezo nonaha cyo guhora unezewa no guhirimbanira kugera kuri buri rwego rushya rw'ubutsinzi.

Mu Gutegekwa kwa kabiri 7:22, Mose yabwiye Abisirayeli ko Imana izirukana imbere yabo abanzi babo “buhoro buhoro.” Hagati ya buri nsinzi n'indi turakomeza tukabaho. Habamo igihe cyo gutegereza. Muri icyo gihe, Umwuka Wera ukorana natwe, aduha amahishurirwa menshi, ari na ko adufasha guhangana no kwakira ukuri gushyashya. Gutegereza buri gihe bikomerera benshi muri twe kubera ko duhorana kutihangana kudutera kutanyurwa. Dushaka ko ikintu kiba ako kanya!

KWIHANGANA GUSINGIRA AMASEZERANO

Abantu benshi bashaka imigisha, ariko ntibashaka kuyitegurira. Yohana umubatiza yaturutse mu butayu asakuza ati, “Mutunganye inzira z'Uwiteka” (Matayo 3:3). Yashakaga ko abantu bamenya yuko Yesu yari agiye kuza gukora umurimo mu bugingo bwa bo, ariko icyo basabwaga kwari ukubanza kubyitegura.

Bibiliya iravuga ngo, “Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda.” (1 Abakorinto 2:9)

Bisaba gukura mu mwuka kugira ngo dushobore kunyura mu bikomeye twizeye ko Imana yaduteguriye ibyiza. Ariko dukeneye kumenya ko niba dushaka kubisohokamo tugomba kwemera tukabinyuramo kuko ari yo nzira yonyine. Dukeneye kwizera, guhatiriza, no kwihangana kugira ngo tubone umusaruro w'ibyo Imana yasezeranije byose ko tuzabona.

Mu Baheburayo handitswe ngo: “Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora ibyo Imana ishaka muzahabwe ibyasezeranijwe. Haracyasigaye igihe kigufi cyane kandi uzaza ntazatinda.” (Abaheburayo 10:35-37)

Mu Baheburayo 6:11 haravuga ngo, “Ariko rero turifuza ko umuntu wese wo muri mwe yerekana uwo mwete wo kurinda ibyiringiro byuzuye kugeza ku mperuka.”

Muri Yesaya 43:1-2, Imana yihanangiriza abantu bayo ivuga iti:

“Ariko noneho Uwiteka wakuremye wowe Yakobo, kandi akakubumba wowe Isirayeli, aravuga ati, witinya kuko nagucunguye, naguhamagaye mu izina ryawe uri uwanjye. Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe, nuca no mu migezi ntizagutembana, nunyura mu muriro ntuzashya kandi ibirimi byawo ntibizagufata.”

Dawidi yabwiye Imana ati, “Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe, inshyimbo yawe n'inkoni yawe ni byo bimpumuriza” (Zaburi 23:4)

Akenshi umuntu wahohotewe cyane ahorana ibihome mu bitekerezo bye no mu mubiri we bigomba kwemererwa kunyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu kugira ngo bikubitwe hasi biriburwe rwose.

Pawulo asobanura ko turwana n'umwanzi, dufata mpiri ibitekerezo byacu tukabigomorerera Kristo kugira ngo byizere icyo Ijambo ry'Imana rivuga.

Nubwo tugenda dufite umubiri w'umuntu, nti turwana mu buryo bw'abantu.

Kuko intwaro z'intambara yacu atari iz'abantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi. Dukubita hasi impaka n'ikintu cyose cyishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigom-rere Kristo. (2Abakorinto 10:3-5)

Urugero, guhohoterwa cyane byanteye kuba nyamwigendaho. Nta muntu n'umwe nizeraga. Bidatinze naje kwanzura ko nzajya niyitaho sinigere ngira uwo nsaba ikintu cyose, nkibwira ko ari bwo nzakomereka buhoro. Imana itangiye kumpishurira ko kuba nyamwigendaho bitari mu ijambo rya yo, nagombaga kunyura mu “gikombe k'igicucu cy'urupfu”. Mu yandi magambo, nagombaga gushyira kamere ya kera (igice cya Joyce wa kera) ku musaraba igapfa.

Ikibazo gikomeye ni uguhunga ibibazo byacu, ariko Imana ivuga ko tugomba kubinyuramo. Inkuru nziza ni uko yasezeranije ko tutagomba kubinyuramo twenyine. Izahorana na twe kugira ngo idufashe muri byose.

Yaravuze iti, “Ntimutinye, kuko ndikumwe na mwe.”

Kwizera kwacu kubakirwa mu Mana iyo tunyuzemo mu bigeragezo turi kumwe na yo. Nkunda inkuru ya Saduraka na Meshaki na Abedenego iri muri Daniyeli, igice cya 3. Umwami yari yabategetse kubarara

bakaramya igishushanyo ya koze, batabikora bakajugunywa mu itanura ry'umuriro.

Baravuga bati, “Imana yacu dukorera ibasha kudukiza, kandi izashobora kudukiza, ariko n'aho itadukiza umenye ko tutari bukorere Imana zawe habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze.”

Bari bazi ko Imana ishoboye kubakiza, ariko n'aho byari kuba bitari muri gahunda yayo, bagombaga kugumana ubunyangamugayo bwabo imbere y'imana ntibange gukorera Imana. Twese tugomba kwiyemeza gukorera Imana dufite kumaramaza nk'uko.

Nuko abo bagabo batatu bajugunywa mu itanura, umwami nawe yenyeyeza umuriro inshuro ndwi kurusha uko wakaga mbere.

Ibi binyibutsa ibihe dufata ibyemezo bikwiye, ariko bigasa n'aho ingorane zacu zo zikubye inshuro nyinshi.

Nkunda iyi nkuru, kubera ko ivuka ngo Saduraka, Meshaki na Abidenego baboshywe bakajugunywa mu muriro, ariko umwami agiye kwitegereza mu muriro, abona babohowe. Rimwe na rimwe tujya mu bibazo tuboshywe, ariko ugasanga ni muri ibyo bibazo no kwemera kubinyuramo tubohorewe. Umwami yabonye umuntu wa kane ari kumwe nabo - wibuke ko Yesu yavuze ati, “ntimutinye kuko ndi kumwe na mwe.”

Saduraka na Meshaki na Abidenego bamaze

gudsohorwa mu muriro, nta n'umwotsi wabanukagaho. Ndigereranya n'aba bagabo kubera ko Satani yashatse kundimbura. Nanyuze mu kababaro kenshi ko guhohoterwa mu buzima bwanjye, kandi buri uko nashakaga kubohoka ngo nkavemo, nahuraga n'akandi kababaro karuta aka mbere ntashoboraga gusobanukirwa. Nuko Imana yaje kunyereka uburyo tunyura mu bintu bishaka kudushyira mu bubata, ariko tugomba kubinyuramo kugira ngo dushobore kubisohokamo.

Iyo dutangiye urugendo rwacu rwose hamwe n'Imana, akenshi tubohwa n'ubwoba. Ubwoba ni umwanzi wo gushira amanga. Abantu bashobora gutinya ibintu byinshi, gutinya gutwara imodoka, gutinya kuba bonyine, n'ubwoba bwa karande.

Ntekereza ko gutinya ari ibinyoma byigaragaza nk'aho ari ukuri. Iyo Satani aduteye ubwoba tukemera, icyo gihe tuba dushyize kwizera kwacu mu byo atubwiye kurusha kwizera ibyo Imana ivuga. Ubwoba ni ikintu kimwe, ariko ubwoba buzadutegeka ni tudahagara ngo duhangane na bwo.

Umugore umwe yatubwiraga ukuntu ubwoba bwamubuzaga gukora ibintu yashakaga gukora. Noneho mugenzi we aramubwira ati, “Ntacyo, bikorane ubwoba.” Kuri njye nabonaga iyo ari inama ihindura ubuzima. Rimwe na rimwe tugomba guhangana n'ubwoba bwacu kandi “byaba ngombwa tukabikorana ubwoba.”

Iyo twemereye Imana kubikora, itangira kudukomeza ari na ko igenda ihambura buri pfundo mu gihe runaka. Idufasha kunyura mu bikomeye ari na ko dusobanukirwa ko amasezerano yayo ari ukuri. Nti dukwiye kumara igihe cyacu cyose duhunga ibyo bintu dutinya.

Hariho abantu bamwe batinya za *esanseri* (bya byuma bizamura abantu mu mazu maremara) ku buryo banga gukora akazi kari ko mu igorofa ryo hejuru cyane. Iyo bumva bashaka ako kazi, begera iyo *esanseri*, bagasenga, bakazamukaho gake, bagasohoka bakiruhutsa, bakongera bakayinjiramo bagakomeza urugendo kugeza igihe bari buneshereze ubwoba. Dukeneye kunesha ubwo ubwoba bwacu butubuzza gukora ubushake bw'Imana ku buzima bwacu.

Bibiliya yuzuye ibyanditswe bivuga ngo, “Ntutinye,” kubera ko Imana yari ibizi neza ko Satani azagerageza gukoresha ubwoba kugira ngo abuze abantu b'Imana gukora ubushake bwayo ngo bagere ku iherezo ryabo muri yo.

Kuri bamwe mu bigishwa be mbere, Yesu yarababwiye ati, “Ni njye nzira, munkurikire.” Nuhitamo gukurikira Yesu, bidatinze uzamenya ko atajya atera abantu umugongo bageze mu bibatera ubwoba. Inzira ye buri gihe ni umurongo ugororotse kugera ku iherezo. Ntuzamere nka wa mugore nababwiye wavaga mu masiganwa buri gihe agiye kugera ku murongo wo

gusorezaho. N'aho byaba bikomeye bite, uzahitemo kuguma mu masiganwa kugeza igihe usoreje!

3

KWIGIRIRA ICYZERE



Icyizere gisobanurwa nko kwemezwa gushobora kuyobora umuntu gukora ikintu runaka, kwizera ko umuntu ashoboye kandi yemerwa, ukuri gutuma umuntu ashira amanga, akerura, kandi nta fefeke. Nutekereza kuri ubu busobanuro buri ugutatu uzabona impamvu Satani atera umuntu wese ugaragaza urwego runaka rwo kwigirira icyizere.

Abantu bahohotewe, banzwe, cyangwa batawe, akenshi nta cyizere bagira. Nk'uko twari twabivuze mu bice by'inyuma, abantu nk'abo usanga akenshi bahorana ikimwaro, bahora bicira imanza, kandi bibonaho ishusho mbi.

Satani atangira kugaba ibitero ku kwigirira icyizere k'umuntu buri gihe na buri kanya abonye icyuho, cyane cyane mu gihe cy'intege nke umuntu akiri umwana muto. Yewe n'iyo umwana akiri munda ya nyina, Satani akora ibishoboka byose kugira ngo amurimbure (amwice). Impamvu iroroshye: Buri muntu wese utifitiye icyizere, ntazigera akora ikintu cy'umumaro mu bwami bw'Imana cyangwa ikintu cyose cyo kurimbura

ubwami bwa Satani. Ku bw'iyi mpamvu rero uwo muntu ntazigera asohoza umugambi w'Imana ku buzima bwe.

GUTEGANYA GUTSINDWA + GUTINYA GUTSINDWA = GUTSINDWA

Satani ntashaka ko uzigera usohoza umugambi w'Imana ku buzima bwawe kubera ko azi yuko uri umwe mu bo agomba gutsinda. Nashobora gutuma wumva ko nta cyo ushoboye, icyo gihe ntuzigera unagerageza gukora ikintu na kimwe gikwiriye.

Kabone naho wabishyiramo imbaraga, ariko gutinya ko uributsindwe bizatuma utsindwa, kubera ko ari byo wateganyaga ugutangira. Ibi ni byo bakunda kwitwa “ibimenyetso byo gutsindwa.”

Kabone n'aho Imana yaba igufitiye imigambi myinshi kandi myiza, hari ikintu kimwe ugomba kumenya: *Ubushobozi bw'Imana butuma umugambi w'Imana usohora ku bugingo bwawe buterwa no kwizera ufite muri Yo no mu Ijambo ryayo.* Niba koko ushaka kunezerwa no gutsinda, ugomba gutangira kwizera ko Imana ifite umugambi ku buzima bwawe kandi ko izatuma ibintu byiza bikubaho uko ukomeje gushyira ibyiringiro byawe muri yo.

Satani ashaka ko wowe nanjye twiyanga ntitwigirire icyizere. Ariko hano hari inkuru nziza: *Ntidukeneye kwigirira icyizere twe ubwacu, ahubwo dukeneye kukigirira muri muri Yesu!*

Nigiriraa icyizere kubera ko nzi ko Kristo ari muri jye, ahora muri jye kandi yiteguye kumfasha muri buri kintu cyose ngerageza gukora ku bwe. Umukristo udafite icyizere amaze nk'indege iparitse ariko idafite amavuta; iba isa neza inyuma ariko imbere nta mbaraga yifitiye. Yesu iyo ari imbere muri twe, tuba dufite imbaraga n'ubushobozi bwo gukora ibyo tutari kwishoboza gukora.

Yesu yapfuye ku bw'intege nke zacu n'ubushobozi buke bwacu, kandi arashaka kudushyiramo imbaraga ze n'ubushobozi bwe uko turushaho gushyira ubushizi bw'ubwoba bwacu (kwizera kwacu) muri we. Muri Yohana 15:5, atwigisha amabwiriza ye y'ingezi: "Nta cyo mubasha gukora mutamfite."

Numara kumenya uku kuri, Satani nakubeshya ati, "Ntacyo washobora gukora," ujye umusibiza uti, "Birashoboka ko ari ntacyo, ariko Yesu uri muri jye arashoboye; kandi azashobora kubera ko ariwe nishingikirijeho, sinishingikirije ku bushobozi bwanjye. Azanshoboza kuko nzabashishwa muri byose nzarambikaho ibiganza byanjye" (rebaYosuwa 1:7).

Cyangwa Satani nakubwira ati, "ibi ntushobora kubikora, ntunabigerageze, kubera ko uzongera ugatsindwa nk'uko watsinzwe ubushize," ujye umusibiza uti, "Ni ukuri ko ntafite Yesu nta kintu na kimwe nashobora gukora, ariko ndi kumwe nawe kandi ndi muri we, nshobora gukora buri kintu cyose nshaka gukora." (rebaAbafilipi 4:13).

Buri uko Satani azajya akwibutsa ibyawe byashize, nawe ujye umwibutsa ibizamubaho mu gihe kiri imbere. Buri uko usomye Bibiliya kuva mu itangiriro ukarinda uyirangiza, usanga iherezo rya Satani ari ribi cyane. Mu by'ukuri yamaze gutsindwa cyera. Biranditswe mu Abakolosayi 2:15 ngo, “Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibivuga hejuru ku bw'umusaraba.”

Ushobora gukumira ibigeragezo bya Satani byo kuba mu buzima bw'ubwoba no kwicuza, kubera ko Yesu yanesheje imigambi ya Satani yose akamukoza isoni kumugaragaro mu buryo bw'umwuka. Satani arakorera mu gihe cy'inguzanyo, kandi ibyo abizi neza kurusha undi muntu wese. (reba Ibyahishuwe 12:12). Imbaraga atugiraho gusa ni izo tumuha iyo twizeye ibinyoma bye. Ujye uhora wibuka ko: *Satani ari umunyabinyoma!*

Yesu yavuze kuri satani atya: “Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi, kandi nti yahagaze mu by'ukuri kuko ukuri kutari muri we, navuga ibinyoma, aravuga ibye ubwe kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w'ibinyoma” (reba Yohana 8:44).

IKINYOMA CYO KUMVA WIYIZEYE

Buri muntu avuga ko afite ubushizi bw'ubwoba. Inyigisho nyishi zivuga ku gushira ubwoba (gushira amanga), haba mu buzima busanzwe no mu itorerero. Gushira amanga bisobanurwa ko ari iby'umuntu ku giti

cye, kubera ko twese tuzi ko tugomba kwiyakira neza niba hari ikintu tugomba gusohozza mu buzima bwacu. Twigishijwe ko buri muntu akeneye ikintu cy'ibanze mu buzima bwe ari cyo kwiyizera. Nyamara, iyo ni imyumvire mibi.

Mu by'ukuri, ntitugomba kwiyizera - dukeneye kwizera Yesu uri muri twe. Nta n'ubwo tugomba kumva tumeze neza niba Yesu atari muri twe. Iyo intumwa Pawulo avuga ko “tudukwiriye kwiringira iby'umubiri” (reba Abafilipi 3:3), aba amenyesha ibyo avuga - ntuzigere ushyira ibyiringiro byawe mu uwo uriwe cyangwa mu kindi kintu washobora gukora udafite Kristo.

Ntitugomba kwiyiringira, ahubwo dukwiriye kwiringira Imana!

Abantu benshi bamara igihe kinini burira urwego bagana ku nsinzi, hanyuma bagera hejuru bagasanga urwego rwabo rwari rwegetse ku nyubako mbi. Abandi barahirimbana bashaka kwitwara neza kugira ngo bakure mu kwiyizera, bagerageza kwihanganira gutsindwa kwabo. Ibi bikorwa byombi bizana ingaruka zimwe: gucika intege no kubabara.

Nabonye ko abantu benshi baba muri imwe muri izi nzego ebyeri:

- (1) Nta kintu na kimwe bajya bakora ngo barangize, n'iyu bagerageza bate, hanyuma bakiyanga

kubera ko ibyo bashakaga batabigezeho, cyangwa.

- (2) Bafite impano karemano yo gukora buri kintu cyose bakagisoza, ariko barangiza bakiratana ibyo bagezeho bikabuzuzamo ubwibone. Mu bundi buryo, imbere y'Imana bagaragara nk'abatsinzwe.

Umuntu gusa w'intwari imbere y'Imana ni umuntu uzi ko ari nta cyo ari cyo ariko muri Kristo azi ko nta cyo abuze. Kwirata kwacu gukwiriye kuba gushingiye muri Yesu wenyine, kandi ni we ukwiriye icyubahiro cyose ku bwa buri kintu cyose twashobora kugeraho.

Mu by'ukuri, buri muntu wese agira icyizere. Bibiliya yemeza uku kuri mu Abaroma 12:3. Twese dufite urugero runaka rwo kwizera; icy'ingenzi ni aho dushyira uko kwizera. Bamwe bashyira kwizera kwabo muri bo, abandi bagushyira mu bandi bantu, abandi bagushyira mu bintu - kandi hari n'abashyira kwizera kwabo by'ukuri mu Mana.

Ntukajye wiyitaho, n'intejye nke zawe, cyangwa imbaraga zawe. Rekeraho kwihangaho amaso, uyahange Imana. Niba ufite intejye nke, ishobora ku guha imbaraga. Niba hari imbaraga ufite ni uko yaziguhaye. Nuko rero, uko byaba bimeze kose, amaso yawe akwiye kuba kuri yo atari kuri wowe.

Udafite kwizera nyakuri (muri Yesu), uziteza ibibazo byinshi. Dore urutonde rwa byo:

- Ntuzigera ugira imbaraga zihagije muri Kristo (nk'uko twabiganiriye mu magambo arambuye).
- Ubuzima bwawe buzategekwa n'ubwoba kandi bwuzure gutotezwa.
- Ntuzigera ugira umunezero nyakuri, kuzuzwa, cyangwa kunyurwa.
- Uzarakaza Umwuka Wera woherejwe gusohoza umugabi w'Imana mu buzima bwawe kuko adashobora kugira icyo akora nta bufatanye mufitanye.
- Uzikingurira imiryango myishi yo gukandamizwa kudashira: Kwiyanga, gucirwaho iteka, gutinya kwangwa, gutinya gutsindwa, gutinya abantu, kudatungana, kunezeza abantu (bibuza umuntu kunezeza Imana), kuyoborwa no gukoreshwa n'abandi, n'ibindi byinshi.
- Uzatakaza icyerekezo cy'uburenganzira bwo kuba uwo ugomba kuba we - kumva uri uwo uriwe.

Iki kibazo cya nyuma ni cyo nshaka kugenzura nonaha. Dutangira iki gitabo har'ibindi bibazo (akaga)

twari twavuzeho, ariko iki cya nyuma ni cyo cy'ingenzi kandi gikeneye kwitabwaho cyane.

KUBA UWO URIWE

Mu 1 Abakorinto 3:16-17 no mu Baroma 12:4-6, Pawulo atwigisha ko twese tugize umubiri umwe, kandi buri muntu ari urugingo rugize uwo mubiri. Uku ni ukuri kw'ingezi dukwiye gufata kubera ko twibabaza kandi tukagabanya imbaraga z'Imana iyo tugerageza kwigira icyo cyangwa uko Imana itaturemeye kuba.

Dukunze kumva bavuga ko twese twavuye mu ibumba ritandukanye, bisobanuye ko nta bantu babiri basa neza neza. Nta kibazo gihari kuba utandukanye n'undi muntu! Imana yari ifite umugambi wo kuturema dutandukanye. Iyo iza gushaka ko dusa iba yarabikoze.

Ahubwo gutandukana kwacu kwari ukw'ingenzi kuri yo kugeza n'aho yahaye buri muntu ishusho y'igikumwe itandukanye n'iy'icya mugenzi we! *Kuba tudasa si bibi; ni umugambi w'Imana!*

Twese twavuye mu mugambi umwe, umugambi w'Imana. Kandi buri muntu wese wo muri twe afite imirimo utandukanye, kuko buri muntu wese muri twe afite umwihariko we.

Umwihariko nawusobanura nk'ikintu gitandukanye, gitandukanyijwe n'imimerere cyangwa imiterere, itandandukanye.

Namaze imyaka myinshi ntekereza ko ntakwiye - ariko ubu nzi ko ndi uw'umwihariko! Hari itandukaniro rinini. Kuba ntakwiye, byagaragazaga ko harimo ikintu nari mbuze akaba ari byo byatumaga ibintu bitaba nk'uko byagombaga kuba; naho kuba ndi uw'umwihariko bigaragaza ko nta bandi bantu bameze nka njye, ibyo bigatuma ngira agaciro kadasanzwe. Ugomba kwizera ko uri uw'umwihariko, udasanzwe, kandi uri uwagaciro.

NTUGASHAKE KUMERA NK'ABANDI

Kimwe mu bimenyetso by'umwihariko bindanga ni ijwi rya njye. Abagore benshi bagira utujwi duto, tushabutse, ariko iryanjye ni rinini kandi riraremeye. Akenshi umuntu utanzi iyo ahamagaye mu rugo nkitaba, yibwira ko ari umugabo nyiri urugo witabye telefoni.

Namaze igihe numva nta nyuzwe kubera iki kimenyetso kindanga, mu by'ukuri numvaga kitampaye umutekano. Natekereza ko ijwi ryanjye ridakwiye!

Imana impamagaye kwigisha ijambo rya yo, natangiye kubona ko umunsi umwe nzavugira ku ndangurura majwi, kandi nkanagira umurimo w'Imana nkorera kuri radiyo na televiziyo, ngira ubwoba! Nahise ntekereza ko nzangwa kubera ko nzumvikana bitandukanye nk'uko abandi bagore bumvikana. Nigereranyaga n'ibyo nabonaga nk'ibisanzwe. *Wari wigereranya n'undi muntu? Urangije wumvise umeze ute?*

Ntabwo dukwiriye kwigereranya n'abandi bantu, ahubwo reka Yesu atubere urugero kandi twige kugaragaza kubaho n'ubumana bw'Imana iri muri twe.

Diyama zigira impande nyinshi. Imana imeze nka diyama itunganijwe, kandi buri muntu wese muri twe ahagarariye uruhande rumwe rwayo. Yashyize ishusho yayo muri buri muntu wese, kandi twese hamwe tugize umubiri we. Ubu se iyo imibiri yacu iza kuba igizwe n'iminwa cyangwa amatwi, amaboko cyangwa amaguru gusa byari kuba bimeze bite? Ntitwari kugira ikibazo cyo kuvuga, kumva, guterura cyangwa kugenda, ariko se indi mirimo? Mbega akaga twari kugira iyo twese tuza kuba tumenze kimwe!

Ni kuki duhirimbana cyane dushaka gusa n'undi muntu, aho kunezwa n'abo turi bo? Ni ukubera ko twizera ibinyoma bya Satani. Turamwizera, ni ukuvuga ko, dukwiye kwizera ukuri kw'Ijambo ry'Imana, kandi uko kuri twizeye ni ko kutubohora.

Nta buntu bw'Imana uzigera ubona bwo kugira ngo ube nk'undi muntu. Yakuremeye kuba wowe - wowe nyakuri. Ushobora kuba wowe! Wibagirwe gushaka kumera nk'undi muntu. Ibyo buri gihe usanga ari amakosa, kubera ko n'uwo muntu wifuza kumera nkawe, “ufite byose,” ntabwo akenshi aba amaze nkuko utekereza.

Reka nguhe urugero:

URUGERO RWA MBERE

Hari igihe kimwe mu bizima bwanjye natekereje ko umudamu wa pasitori wanjye “ari umudamu mwiza.” Yari (kandi aracyari) umudamu mwiza: muto muto, w'uburanga, ucyeye, uvuga neza, witonda, w'umugwaneza, kandi ufite impano y'imbabazi. Njyewe ku rundi ruhande, mfite ikijwi kinini kandi sinoroheje, sinca ibintu ku ruhande, nsa nk'aho ntari mwiza, ntitonda, ntanca bugufi cyangwa ntangira impuhwe. Nagerageje kumera nka we, ariko sinabishobora. Nagerageje kugabanya ijwi ryanjye ngo ndihindure kugira ngo nibura mvuge “nk'abandi bagore,” ariko nasozaga mvuga ijwi ry'irihimbano.

Njye n'uyu mugore ntabwo twigeze twumvikana n'ubwo twabishakaga kandi tukagerageza kuba inshuti, ariko ntabwo byakunze. Hanyuma amakimbirane yaje kuvuka kubera ko ntari nkimwishimira bitewe n'uko nari ku gitutu cyo gushaka kumera nka we. Ikintu kinejeje twese twaje kuvumbura ni uko Satani yari yaramugurishijeho ipaki y'ibinyoma nanjye nari naraguzeho; yageragezaga cyane gusa nanjye! Yashakishaga kujya adakomeretswa n'ubusa, gushira amanga, kubana neza n'abantu, kutekereza cyane no kuvuga yeruye. Ntibitangaje kubona imibanire yacu yarajemo igitotsi - buri umwe yari ku gitutu cyo gushaka gusa n'undi!

Ibuka ibi, Imana yaravuze iti, “nttukifuze” (Kuva 20:17) - kandi ibyo bikubiyemo n'imico y'abantu.

URUGERO RWA KABIRI

Umuturanyi wanjye duhana urubibi yari umugore ufite impano z'uburyo butandukanye. Yaradodaga, yari afite umurima w'imboga, yari azi gucuranga no kuririmba, yakoraga imirimo myinshi y'ubukorikori, azi gushushanya, azi guhimba indirimbo - muri make, yakoraga ibintu byose ntashoboraga gukora. Kubera ko natekerezaga ko ntakwiye, sinigeze nishimira impano nari mfite. Natekerezaga gusa k'ubushobozi n'ibindi bintu byinshi ntashoboraga gukora.

Kubera ko nari narahamagariwe kwigisha no kubwiriza Ijambo ry'Imana, ibyifuzo byanjye byari bitandukanye ni iby'abagore benshi nari nzi. Mu gihe bo babaga bitahiye amakwe, nabaga nibereye mu rugo ndimo gusenga. Nabaga maramaje mu byo nakoraga. Mu gihe abandi bagore babaga biruhukiye kandi bibereye mu bihe byiza, njye nahoraga nigereranya na bo, nahoraga numva ko hari ikintu kitagenda neza kuri jye. Ibi byiyumviro akenshi biba ku bantu bahora bashingiye ku kimwaro kandi bumva badashize amanga muri Kristo.

Nize “kwiyorosha” ho gato ngakina ho gato, ariko Imana hari icyo yankoragamo kandi cyari gikwiriye gukorwa. Yatumye mbona amafuti ubuzima bw'abandi bantu bwabagamo, kandi impamagarira kubafasha kugira

ngo bayavemo nkoreshye ijamba rya yo. Nari nkeneye gukorwaho n'uburemere bw'ibibazo by'abandi bantu.

Nari ndi mu gihe cyo gutekereza ibyo Imana itankoresherezaga; cyari igihe cyo kwitegura, kwagura no gukura cyamaze nk'umwaka wose. Muri icyo gihe, nahisemo kuba icyo nitaga “umudamu usanzwe.” Naguze imashini idoda ntangira amasomo yo kudoda. Narabyangaga ariko nka byihata. Nta n'ubwo kudoda cyari ikintu nakoraga neza. Iyo umuntu adafite impano mu kintu, ariyororeshya muri cyo kuko atagikora neza.

Kudoda byamberaga urugamba! Nakomeje gukora amakosa ngeza aho numva niyanze. Hanyuma si jye wabonye ndangiza amasomo yo kudoda, najyaga ndoda imyenda imwe n'imwe abo mu muryango wanjye, bagombaga kwambara bari mu kazi.

Nanahisemo kandi guhinga inyanya. Mu gihe zabaga zitangiye kumera neza, udusimba twaraziteraga nijoro tukazitoboramo imyenge y'umukara zose! Ariko nari naramaramaje guhinga inyanya kubera ko nari naraguze ibikoresho byose byo kuzitaho. Ubwo nagiye mu isoko ry'ibikoresho by'ubuhinzi ngura buri kintu cyose cyari kumfasha kweza inyanya! Narakoze mbira ibyuya, mbira ibyuya, kandi ndakora, kugeza ubwo nabonye izo nyanya zimeze neza! Na none kandi naje kwanga no gusuzugura uyu murimo mpitamo kuwureka, ariko ntekereza ko nari ntangiye kugaragaza ko “nsanzwe.”

Muri ibi bihe byose bibabaje, nabonye ko nari mbabajwe n'uko Imana itamfashaga kugira ngo mbe uwo yandemeye kuba. Singomba kumera nk'undi muntu - ngomba kuba uwo ndi we, nkuko ugomba kuba uwo uriwe.

BA UWO URI WE!

Ufite uburenganzira bwo kuba uwo uri we! Ntukemere ko Satani akwiba ubwo burenganzira!

Urugero, niba hari umuntu uzi ko ari umukristo mu kugaragaza imico y'Imana cyangwa imbuto z'umwuka wera, uwo ushobora gukurikiza urugero rwe. Intumwa Pawulo yaravuze ati, “MUGERE IKIRENJYE mu cyanjye [mukurikire urugero rwanjye], nk'uko nanjye nkigera mu cya kristo (Mesiya)” (1 Abakorinto 11:1). Kugera ikirenge mu cy'undi muntu bitandukanye cyane no gushaka gusa n'uwo muntu mu mico ye no mu myifatire ye cyangwa impano ze.

Ndagushishikariza cyane guhora utekereza kuri ibi bintu kenshi: Uremera uku kuri ko utigeze uremwa nk'undi muntu wese, kandi ko uri umuntu w'umwihariko (udasanzwe)? Ese unezezwa n'uwo mwihariko wawe cyangwa urimo kwirwanya nk'uko nanjye nari meze?

Abantu benshi bafite urugamba rukomeye imbere muri bo, bigereranya na buri muntu wese begereye, bibatera kwicira urubunza cyangwa bakarucira uwo

bigereraniye na we. Bagasoza bavuga ko nibura bakwiye gusa n'abo bigereranijeho. Ibyo ni ibinyoma!

Nta muntu n'umwe ugomba kumera nk'undi muntu. Buri muntu wese wo muri twe agomba kuba imwe mu mpande zigize Imana, izo ishaka ko tuba tudasa n'uwo ariwe wese - kugira ngo twese hamwe dusohoze umugambi w'Imana tuyiheshe icyubahiro.

IGICE CYA KABIRI



Ariko ubu narabohowe

Nuko Umwana nababatura muzaba mubatuwe by'ukuri.

YOHANA 8:36

4



KUBABARIRA UWAGUHOHOTEYE

Ku bantu benshi, kubabarira ababahohoteye ni cyo gice gikomeye cyane cyo gukira kw'ibitekerezo byabo. Bishobora kandi kubabera igisitaza cya babuza gukira. Abo bantu bakomerekejwe cyane n'abandi bazi ko byoroshye kuvuga ijamba kubabarira kurusha kubikora.

Maze igihe kinini niga kandi nsengera iki kibazo, nsaba Imana ngo impe ibisubizo bifatika bya cyo. Ndasenga kugira ngo ibyo ngomba kukubwira kuri iyi nyigisho bikubere ingingo y'ingenzi wifashisha.

Mbere na mbere, reka mvuge ko bidashoboka gukira mu bitekerezo ukubitse ubusharire, umujinya, no kutababarira. *Kubika kutababarira ni nko kunywa uburozi wiringira ko umwanzi wawe aribuze gupfa!* Kutababarira bihumanya buri muntu wese ubibitse, bigatuma agira gusharira. *Kandi ntabwo bishoboka kugira ubusharire ngo umuntu anabe mwiza.*

Niba warigeze uhohoterwa, ufite amahitamo ugomba gukora. Ushobora kwemerera buri gikomere cyangwa buri kibazo gutuma ugira ubusharire cyangwa umera neza. Amahitamo ni ayawe.

Igikomere cyangwa ikibazo cyatuma usharira? Imana si yo ikuzanira ibikomere n'imibabaro, ahubwo iyo bikugezeho ukayiringira, ishobora gutuma biguhindukamo inyungu.

Imana ishobora guhindura amakosa mo ibitangaza!

Satani agambirira ku kurimbura, ariko Imana ishobora gufata ibyo Satani aguteza ikabihinduramo ibyiza ku bwawe. Ibyo ugomba ku byizera cyangwa se utabikora ukababara. Nk'uko umwanditsi wa zaburi yabivuze kuva kera ati, “[Mba nararabye iyo ntizera ko nzarebera kugira neze k'Uwiteka mu isi y'ababaho!]” (Zaburi 27:13.)

Mu minsi ishize nakiriye urwandiko ruturuka ku mugore rugira ruti, “nzi ko Imana atari yo yatumye uhohoterwa, ariko iyo utaza guhohoterwa, ntabwo uba waramfashije.” Yarakomeje ati, “Rwose ibyo nti bigatume wiyumva nabi kubera ko Imana irimo gukoresha akababaro kawe kugira ngo ibohore abandi.”

Imyaka myinshi yashize nagize guhitamo. Najyaga guhitamo kugumana ubusharire, kuzura urwango no kwibabarira, ndakariye abantu bankomerekeje, yewe na

babandi bashoboye kwigumira mu buzima bwiza, abo batari barigeze bakomereka nka nje. Cyangwa se najyaga guhitamo gukurikira inzira y'Imana, nkayemerera ikangira umuntu mwiza kubera ibyo nanyuzemo. Ndayishimira ko yampaye ubuntu bwo guhitamo inzira yayo aho guhitamo inzira ya Satani. Inzira y'Imana ni ukubabarira.

Ndibuka ubwo natangiraga kugerageza kugendana n'Imana.

Umugoroba umwe ni bwo naje kumenya ko ntashobora kuzura urukundo n'urwango icyarimwe. Nuko nsaba Imana ku nkuramo urwango rwari rumazemo igihe kinini. Nasaga n'aho yageze imuhengeri igacukura ikaruvamo. Hashize igihe, sinigeze nongera kwanga data ukundi, ariko nari ntaramukunda neza, kandi numvaga nta nyuzwe iyo nabaga ndi iruhande rwe. Nashakaga kubohoka nkava mu myumvire y'ubusharire, n'imitekerereze mibi byari bindimo, ariko “uburyo byari gushoboka” cyari ikibazo kinkomereye cyane.

Uko nakomeje gusoma no gutekereza ku Ijambo ry'Imana no gusabana n'Umwuka Wera, Imana yanyigishije ibintu byinshi. Ndagira ngo nkubwire ibyo nize uko imyaka yahoraga itera imbere iganisha mu gukira kwanjye kuzuye.

INTAMBWE ZO GUKIRA IMVUNE ZO MU MUTIMA

Mbere na mbere, ugomba guhitamo kubabarira mu buryo bw'ubumana. Ntabwo Imana izabiguhatira. Niba ushaka kubaho mu buzima buneshya kandi ngo wishimire gukira imvune zo mu mutima, ugomba kwizera ko uburyo bw'ubumana ari bwo bwiza cyane. Kabone n'aho waba utabisobanukiwe, wowe uhitemo gukurikira inzira y'Imana. Bigira umumaro.

Ikindi, menya imbabazi z'Imana. Imbabazi ni imbaraga z'Umwuka Wera zituzaho kugira ngo dusohoze ubushake bw'Imana. Yakobo avuga ku Mana ati, “Ariko nubwo bimeze bityo Imana irushaho kutugirira imbabazi (imbaraga z'Umwuka Wera, zikuraho iyi myumvire mibi n'ibindi bisa bityo) ni cyo gituma ivuga iti, Imana irwanya abibone, ariko abicisha bugufi ikabahera ubuntu.” (Yakobo 4:6)

Ushobora guhitamo kubabarira ahasigaye ugasigara urwana n'umujinya kubera ko ushaka kubabarira mu mbaraga zawe, kandi wari ukeneye imbaraga z'Imana. Umuhanuzi Zekariya aratubwira ati, “Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye ... ni ko Uwitete nyiringabo avuga” (Zekariya 4:6).

Si ngombwa kugira ngo ubonane n'abaguhohoteye amaso ku maso kugira ngo ukunde ubabarire mu mutima

wawe. Yewe kabone n'aho abaguhohoteye baba batakirihho, wakomeza ukamera neza mu gihe abaguhohoteye batakirihho, uzakomeza kugira umudendezo uhagije nuhitamo kubabarira ibyaha byabo bagukoreye.

Numara guhitamo kubabarira, ukamenya ko udashobora kubabarira Imana itabigufashijemo, uje usenga kandi ubohore buri muntu wese wagukomerekeje. Usubiremo rino sengesho cyane:

Mbabariye _____ (Izina) kubwo _____ (icyo yagukoreye). Mpisemo kugendera mu nzira zawe Mana. Ndagukunda, kandi iyi mibereho yose ndayikweguriye. Ibingoye byose ndabikwikoreje, kandi ndizera ko ari wowe ushobora kunsana. Mfasha Mana; nkiza ibikomere natewe.

Hari ibyanditswe byinshi bitubwira ko Imana irenganura (reba Yesaya 54:17). Imana ni yo itugororera; ni yo ngororano zacu. (reba Yesaya 35:4).

Ni Imana y'ubutabera bushobora gutangwa na yo gusa. Yo ubwayo ishobora ku kwishyura ku bw'ibikomere wanyuzemo, kandi ni yo ubwayo ishobora guhangana n'abanzi bawe. Bibiliya ishishikariza abizera kubana amahoro na bagenzi babo, biringiye ko Imana izabitaho:

Bakundwa, ntimwihoranire ahubwo mureke Imana ihoresha uburakari bwayo kuko byanditswe ngo,

“Guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Uwituka avuga.” (Abaroma 12:19)

Kuko tuzi uwavuze ati, guhora ni ukwanjye, nijye uzitura, kandi ati Uwituka azacira urubanza ubwoko bwe. Erega biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Imana ihoraho! (Abaheburayo 10:30-31)

Ukuri kumwe Imana yambwiye igihe nari ndimo guhangana n'ibibazo byo kubabarira ni uku: “*Abantu bakomeretse bakomeretsa abandi!*”

Abantu benshi bahohotera abandi usanga akenshi na bo baba barahohotewe mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Akenshi abantu baba barakuriye mu miryango mibi, bateza umutekano muke mu ngo zabo.

Iyo nabonaga ubuzima bwanjye, nabonaga urwo rugero. Nakuriye mu muryango mubi, nanjye rero natezaga umutekano muke mu rugo rwanjye. Sinari nzi kwifata mu bundi buryo. Ibi bintu maze kubimenya, byaramfashije cyane.

ABANTU BAKOMERETSE BAKOMERETSA ABANDI

Mu by'ukuri sinizera ko data yari azi ibyo yankoreraga mu buryo bw'imitakerereze, cyangwa se niba yari azi ko yantezaga ibibazo nagombaga kuzahangana na byo igihe kiny cy'ubuzima bwanjye. Mbere na mbere njya kubaza data ibyo yankoreye, yasaga

nk'aho ibyo yakoraga byari ibisanzwe. Nawe yarahohotewe akiri umwana, kandi umwuka wo gusambanya abantu bahuje amasano wamushyigikiraga gukora ibyo yabonaga indi miryango ikora.

Nari mfite imyaka hafi mironko itanu ubwo Imana yambwiraga kujya kuvugana n'ababyeyi banjye ku bibazo byo guhohoterwa nari narihanganiye. Mu by'ukuri numvaga ntashaka kuvugana na bo ibyerekeranye n'iyongingiro, ariko Imana imbwira ko ari cyo gihe cyo kubikora. Mbere nkivugana nabo data nta nubwo yigeze yicuza, mpita mbona neza ko yakoraga ibyo abandi bantu benshi badakijijwe bakoraga nko kwikubira, guhaza ibyifuzo byabo biyoborwa n'amadayimoni, batitaye ku ngaruka z'ibikorwa bya bo. Data we yari yaramaramaje kubona icyo yashakaga cyose atitaye kungaruka byajyaga kuntera icyangwa gutera undi muntu wese.

Mvugana n'abayeyi banjye icyo gihe, nabonye ko data we nta n'icyo byari bimubwiye ku buryo atanansabye imbabazi, numvaga na none ar'iby'ingenzi kumubwira ko namubabariye. Kumubabarira, byarambohoye bituma nkomeza urugendo rwanjye.

Tugomba kwibuka ibyo Yesu yavuze igihe yari abambye ku musaraba azira ibyaha atari yarakoze, ahubwo azira iby'abandi, ukubiyemo ibyatumye atotezwa. Yaravuze ati, "Data, bababarire, kuko batazi ibyo bakora" (Luka 23:34).

Biroroshye guca imanza, ariko Bibiliya iratubwira iti, “Imbabazi zishima hejuru y'urubanza” (Yakobo 2:13). Simvuga ko abahohotera abandi batazabazwa ibyaha bya bo - twese tugomba kwita ku makosa yacu. Imana yambwiye ko imbabazi zireba impamvu ziri inyuma y'ikibazo.

Imbabazi n'impuhwe ntabwo bireba gusa ku makosa, birenga amaso umuntu ukoze ayo makosa, uburakari, n'ubuzima rusange bw'umuntu ku giti cye. Tugomba kwibuka ko Imana yanga icyaha ariko igakunda abanyabyaha.

Nagize ibibazo byinshi cyane mu buzima bwanjye, ku buryo byateye abantu benshi kuncira imanza no kunyanga. Yesu ntiyigeze anyanga, cyangwa ngo ancire urubanza. Icyaha cyanjye cyaciriwe urubanza nk'uko cyari cyimeze, ariko Imana yari izi umutima wanjye. Icyaha ni icyaha, kandi ibikorwa byanjye byari bibi, ntitaye ku cyabiteraga. Ariko Imana yari izi ko nk'umugore wahohotewe mu gihe cy'imyaka cumu n'itanu mu bwana bwe, ngendana ibikomere bikomeye - hanyuma ingirira imbabazi.

Yesaya yahanuye iby'umucunguzi wagomba kuza: “Ntazaca imanza z'ibyoyereetswe gusa, kandi ntaza urwa kibera.” (Yesaya 11:3)

Akenshi mu nyigisho zanjye, nereka abantu igishushanyo cy'urutare “géode”. Uru rutare rurakomeye, rusa nabi kandi rurakomeye inyuma, ariko

imbere muri rwo harimo utubara twiza tw'ubururu dusenye kandi turabagirana.

Ururebeye hanze, ninde wa kwigera atekereza ko imbere muri rwo harimo ubwiza busa nk'ubwo? Uko ni ko abantu bameze. Imana ireba imbere muri twe, ikabonamo ubushobozi. Ireba mu buryo bw'umwuka. Twe iyo tureba abantu, tureba ku bigaragara. Tudatojwe n'Imana kubona birenze ibyo amaso yacu yitegereza twazahora ducira abantu imanza.

Ibuka: Abantu bakomeretse bakomeretsa abandi.

IBYEREKERANYE N'UMWANDITSI

Joyce Meyer yatangiye kwigisha Ijambo ry'Imana kuva mu 1976 kandi yinjiye mu murimo w'Imana wa buri gihe kuva mu 1980. Ni umwanditsi ukunzwe cyane wanditse ibitabo by'Imana birenga mirongo itandatu, harimo ikitwa *In Pursuit of Peace, How to Hear from God, Knowing God intimately, na Battle field of the Mind*. Yasohoye kandi ibihumbi by'amakaseti y'inyigisho nyinshi cyane zo ku makaseti videwo. Agira ikiganiro kitwa “Kunezererwa ubuzima bwa buri muni” gihita kuri televiziyo na radiyo mpuzamahanga, kandi agenda mu bihugu byinshi akoresha ibiterane. Joyce n'umugabo we Dave ni ababyeyi b'abana bane bakuru kandi batuye St. Louis, Missouri.